Un client a le droit d'accéder à des informations et des conseils pertinents pour s'assurer qu'une décision éclairée soit prise.

Ugana umuhanga mu by'imiti afite uburenganzira bwo kwanga ubuvuzi, inama cyangwa kwisubiraho igihe icyo ari cyo cyose.

A client shall be entitled to the right to refuse treatment, care or advice, or to withdraw consent at any time. Where a client refuses treatment or withdraws consent to use a given medication, after receiving full information from a pharmacy professional, the client shall be required to sign on a note indicating reasons for the refusal or withdrawal of consent.

Un client a le droit de refuser un traitement, des soins ou des conseils, ou de retirer son consentement à tout moment. Quand un client refuse le traitement ou retire son consentement à l'usage du médicament, après avoir reçu l'information complète du professionnel de la pharmacie, le client sera demandé d'apposer sa signature à un formulaire stipulant les raisons de son refus ou retrait.

Igihe yanze kuvurwa cyangwa akisubiraho ntafate imiti, amaze kumva inama zihagije z'umuhanga mu b'imiti, ugana pharmacy azasabwa gusinya ku rupapuro rwerekana impamvu zatumye yanga kuvurwa cyagwa zo kwisubiraho kwe.

Ingingo ya 13: Uburenganzira bwo kubaza cyangwa kugaragaza impungenge

Article 13: Right to raise concern or complaint

Article 13: Droit de soulever une plainte ou une préoccupation

Ugana umuhanga mu by'imiti afite uburenganzira ku buzima bwe bwite n'ubwo kubaza cyangwa kugaragaza impungenge ku buryo yitaweho, imiti

A client is entitled to the right to raise concern or complaint on the care, medication or services

Un client a le droit de soulever une préoccupation ou une plainte sur les soins, les médicaments ou

Official Gazette n°48 of 30/11/2015

n'ubundi bufasha yahawe.

offered to him / her.

autres services fournis aux clients.

Ingingo ya 14: Uburenganzira ku ibanga ry'amakuru y'ugana umuhanga mu by'imiti

Article 14: Right to confidentiality of personal information

Article 14: Droit à la confidentialité des renseignements personnels

Ugana umuhanga mu by'imiti afite uburenganzira bwo kubikirwa ibanga ku makuru ajyanye n'uburwayi bwe yamenywe n'umuhanga mu by'imiti.

A client is entitled to the right to privacy and confidentiality of information that has come to the knowledge of the pharmacy professional.

Un client a droit à la vie privée et la confidentialité de l'information parvenue à la connaissance du professionnel en pharmacie.

Ingingo ya 15: Uburenganzira bwo gukomeza kwitabwaho

Article 15: Right to continuity of care

Article 15: Droit à la continuité des soins

Ugana umuhanga mu by'imiti afite uburenganzira bwo gukomeza kwitabwaho. Icyakora, umuhanga mu by'imiti agomba, mu gihe bibaye ngombwa, gufasha no kurangira uwamuganywe undi muhanga mu by'imiti kugira ngo akomeze kwitabwaho mu bijyanye n'ubufasha yari asanzwe ahabwa.

A client is entitled to the right of continuity of care. However, a pharmacy professional must, if considered necessary, assist and refer a client to another pharmacy professional in order to maintain continuity of service and care.

Un client a droit à la continuité des soins. Toutefois, un professionnel en pharmacie doit, s'il le juge nécessaire, aider et orienter un client à un autre professionnel en pharmacie afin de maintenir la continuité de service et de soins.

UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA

CHAPTER V: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 16: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 16: Repealing provision

Article 16: Disposition abrogatoire

Ingingo zose z'amateka yabanjirije iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 17: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 17: Commencement

Article 17: Entrée en vigueur

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal officiel de la République du Rwanda.

Official Gazette n°48 of 30/11/2015

Kigali, ku wa 30/10/2015

(sé)
Dr. BINAGWAHO Agnes
Minisitiri w'Ubuzima

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on 30/10/2015

(sé)
Dr. BINAGWAHO Agnes
Minister of Health

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le 30/10/2015

(sé)
Dr. BINAGWAHO Agnès
Ministre de la Santé

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux

AMABWIRIZA YA MINISITIRI W'INTEBE
N° 004/03 YO KU WA 13/11/2015 AGENA
IBISHINGIRWAHO N'UBURYO BWO
GUHABWA UBUFASHA BWA LETA MU
MISHINGA YO GUTEZA IMBERE
AMACUMBI ACIRIRITSE

PRIME MINISTER'S INSTRUCTIONS
N°004/03 OF 13/11/2015 DETERMINING THE
CONDITIONS AND PROCEDURES FOR
OBTAINING GOVERNMENT SUPPORT
FOR AFFORDABLE HOUSING PROJECTS

INSTRUCTIONS DU PREMIER MINISTRE
N° 004/03 DU 13/11/2015 DETERMINANT
LES CONDITIONS ET PROCEDURES
D'OBTENTION D'UN SOUTIEN DU
GOUVERNEMENT POUR LES PROJETS
DES LOGEMENTS ABORDABLES

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLES DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE : INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS
GENERALES

Ingingo ya mbere : icyo aya mabwiriza agamije

Article One: Purpose of these instructions

Article premier: Objet des présentes
instructions

Ingingo ya 2 : Ibirebwa n'aya mabwiriza

Article 2: Scope of application

Article 2 : Champ d'application

UMUTWE WA II : IBISHINGIRWAHO MU
KUBONA UBUFASHA BWIHARIYE BWA
LETA MU GUTEZA IMBERE AMACUMBI
ACIRIRITSE

CHAPTER II: CONDITIONS FOR
OBTAINING SPECIAL GOVERNMENT
SUPPORT FOR AFFORDABLE HOUSING
DEVELOPMENT

CHAPITRE II: CONDITIONS
D'OBTENTION D'UN SOUTIEN SPECIAL
DU GOUVERNEMENT POUR LE
DEVELOPPEMENT DES LOGEMENTS
ABORDABLES

Ingingo ya 3 : Aho Leta itanga ubufasha
bwihariye mu guteza imbere amacumbi
aciriritse

Article 3: Areas of special Government support
to Affordable housing development

Article 3: Domaines de soutien spécial du
Gouvernement pour le développement des
logements abordables

Ingingo ya 4 : Ibishingirwaho mu guhabwa
ubufasha bwihariye bwa Leta mu mishinga yo
guteza imbere amacumbi aciriritse

Article 4: Conditions for obtaining Government
special support for affordable housing
development projects

Article 4: Conditions d'obtention d'un soutien
spécial du Gouvernement pour les projets de
développement des logements abordables

Ingingo ya 5 : Ibishingirwaho ngo umushinga

Article 5: Eligibility criteria for obtaining

Article 5: Critères d'éligibilité pour le soutien

| | | |
|---|---|--|
| wo guteza imbere amacumbi aciriritse uhabwe ubufasha | support for an affordable housing development project | du projet de développement des logements abordables |
| <u>Ingingo ya 6:</u> Umwirondoro w'abagenerwabikorwa | <u>Article 6:</u> Profile of beneficiaries | <u>Article 6:</u> Profil d'accès des bénéficiaires |
| <u>Ingingo ya 7:</u> Ihame mu guha amahirwe abagenerwa bikorwa | <u>Article 7:</u> Beneficiary prioritisation rule | <u>Article 7:</u> Règle de priorisation des bénéficiaires |
| <u>Ingingo ya 8:</u> Ibipimo fatizo by'ibikorwa remezo rusange by'imishinga yo guteza imbere amacumbi aciriritse yahawe ubufasha bwihariye na Leta | <u>Article 8:</u> Public infrastructure standards for affordable housing development special supported by the Government | <u>Article 8:</u> Normes d'infrastructures publiques pour les projets de développement des logements abordables supportés spécialement par le Gouvernement |
| UMUTWE WA III: UBURYO BWO GUTANGIZA, GUSESENGURA NO KWEMEZA UMUSHINGA WO GUTEZA IMBERE AMACUMBI ACIRIRITSE UHABWA UBUFASHA BWIHARIYE NA LETA | CHAPTER III: PROCEDURES OF INITIATION, ASSESSMENT AND APPROVAL OF AFFORDABLE HOUSING DEVELOPMENT PROJECT SUPPORTED BY THE GOVERNMENT | CHAPITRE III: PROCEDURES D'INITIATION, EVALUATION ET APPROBATION DES PROJETS DES LOGEMENTS A FAIBLE COUT SUPPORTES SPECIALEMENT PAR LE GOUVERNEMENT |
| <u>Ingingo ya 9:</u> Komite y'Igihugu yo Kwemeza Kugenerwa Ubufasha mu Macumbi Aciriritse | <u>Article 9:</u> National Affordable Housing Support Approval Committee | <u>Article 9:</u> Comité National d'Approbation de Soutien de Logements Abordables |
| <u>Ingingo ya 10:</u> Gusaba ubufasha bwihariye bwa Leta mu mushinga wo guteza imbere amacumbi aciriritse | <u>Article 10:</u> Application for special support from the Government for affordable housing development project | <u>Article 10:</u> Demande d'un soutien spécial du Gouvernement pour un projet de développement des logements abordables |
| <u>Ingingo ya 11:</u> Ibigize dosiye y' ubusabe bw'ubufasha bwihariye bwa Leta mu mushinga wo guteza imbere amacumbi aciriritse | <u>Article 11:</u> Content of the application file for special support from the Government for affordable housing development project | <u>Article 11:</u> Contenu du dossier de demande d'un soutien spécial du Gouvernement pour un projet de développement des logements abordables |
| <u>Ingingo ya 12:</u> Gusesengura ubusabe | <u>Article 12:</u> Assessment of the application | <u>Article 12:</u> Evaluation de la demande |

Ingingo ya 13: Guterana kwa Komite y'Igihugu y'Amacumbi Aciriritse ngo hemezwe umushinga

UMUTWE WA IV: IBIKURIKIZWA MU GUSHYIRA MU BIKORWA IMISHINGA YO GUTEZA IMBERE AMACUMBI ACIRIRITSE

Ingingo ya 14: Kugenzura iyubahirizwa ry'ibisabwa ngo umushinga wemezwe

Ingingo ya 15: Ingaruka zo kutubahiriza ibisabwa mu gihe na nyuma y'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga

UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 16: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka

Ingingo ya 17: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza

Ingingo ya 18: Igihe amabwiriza atangira gukurikizwa

Article 13: Meeting of the National Affordable Housing Project approval Committee

CHAPTER IV: PROCEDURES FOR IMPLEMENTATION OF GOVERNMENT SUPPORTED AFFORDABLE HOUSING DEVELOPMENT PROJECTS

Article 14: Monitoring of compliance with the project approval criteria

Article 15: Consequence for non-compliance with the approval criteria during or after implementation of the project

CHAPTER V: FINAL PROVISIONS

Article 16: Authorities responsible for the implementation of these instructions

Article 17: Repealing provision

Article 18: Commencement

Article 13: Réunion du Comité National d'Approbation de Soutien de Logements Abordables pour l'approbation du projet

CHAPITRE IV: PROCEDURES D'EXECUTION DES PROJETS DES LOGEMENTS ABORDABLES SUPPORTES PAR LE GOUVERNEMENT

Article 14: Contrôle du respect des critères d'approbation du projet

Article 15: Conséquences de la non-conformité avec les critères d'approbation pendant ou après la mise en œuvre du projet

CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES

Article 16: Autorités responsables de l'exécution des présentes instructions

Article 17: Disposition abrogatoire

Article 18: Entrée en vigueur

**AMABWIRIZA YA MINISITIRI W'INTEBE
N° 004/03 YO KU WA 13/11/2015 AGENA
IBISHINGIRWAHO N'UBURYO BWO
GUHABWA UBUFASHA BWA LETA MU
MISHINGA YO GUTEZA IMBERE
AMACUMBI ACIRIRITSE**

Minisitiri w'Intebe,

Amaze kubona Iteka rya Minisitiri
n°04/Cab.M/015 ryo ku wa 18/05/2015 rishyiraho
Amabwiriza ajyanye n'imitunganyirize y'imijyi
n'imyubakire;

Amaze kubona imyanzuro y' umwiherero
w'abayobozi bakuru b'Igihugu, cyane cyane
umwanzuro wa 9;

Abisabwe na Minisitiri w'Ibikorwa Remezo ;

Bimaze gusuzumwa no kwemezwa n'Inama
y'Abaminisitiri yateranye ku wa 05/08/2015;

ATANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA :

**UMUTWE WA MBERE : INGINGO
RUSANGE**

Ingingo ya mbere : Icyo aya mabwiriza agamije

Aya mabwiriza akena ibishingirwaho mu guhabwa
ubufasha bwihariye bwa Leta mu guteza imbere

**PRIME MINISTER'S INSTRUCTIONS
N°004/03 OF 13/11/2015 DETERMINING
THE CONDITIONS AND PROCEDURES
FOR OBTAINING GOVERNMENT
SUPPORT FOR AFFORDABLE HOUSING
PROJECTS**

The Prime Minister,

Considering Ministerial Order n° 04/Cab.M/015 of
18/05/2015 determining urban planning and
building regulations;

Considering the resolution of the National
Leadership Retreat 2015, especially the resolution
n° 9;

On proposal by the Minister of Infrastructure;

After consideration and approval by Cabinet, in its
session of 05/08/2015;

**HEREBY GIVES THE FOLLOWING
INSTRUCTIONS:**

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of these instructions

These Instructions determine the conditions for
obtaining special support from Government for

**INSTRUCTIONS DU PREMIER MINISTRE
N°004/03 DU 13/11/2015 DETERMINANT
LES CONDITIONS ET PROCEDURES
D'OBTENTION D'UN SOUTIEN DU
GOUVERNEMENT POUR LES PROJETS
DES LOGEMENTS ABORDABLES**

Le Premier Ministre,

Considérant l'Arrêté Ministériel n° 04/Cab.M/015
du 18/05/2015 déterminant les règlements
d'urbanisme et de construction;

Considérant les résolutions de la Retraite du
Leadership Nationale de 2015, spécialement la
résolution n° 9 ;

Sur proposition du Ministre des Infrastructures;

Après examen et approbation par le Conseil des
Ministres, en sa séance du 05/08/2015;

DONNE LES INSTRUCTIONS SUIVANTES:

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS
GENERALES**

**Article premier: Objet des présentes
instructions**

Les présentes Instructions déterminent les
conditions d'obtention d'un soutien spécial du

amacumbi acirirtse, n'ibikurikizwa mu itangizwa, isesengura, iyemezwa no gushyira mu bikorwa imishinga y'imyubakire y'amacumbi aciriritse.

Ingingo ya 2 : Ibirebwa n'aya mabwiriza

Aya Mabwiriza akurikizwa mu mirimo yose yo kubakira abantu mu gihe habayeho gusaba ubufasha bwihariye kuri Guverinoma y'u Rwanda.

UMUTWE WA II: IBISHINGIRWAHO MU KUBONA UBUFASHA BWIHARIYE BWA LETA MU GUTEZA IMBERE AMACUMBI ACIRIRITSE

Ingingo ya 3: Aho Leta itanga ubufasha bwihariye mu guteza imbere amacumbi aciriritse

Urwego rukora imirimo yo gutunganyiriza abantu ubutaka no kububakira rushobora gusaba Leta kurufasha gushyira mu bikorwa umushinga w'imyubakire y'amacumbi. Ubufasha butangwa muri kimwe muri ibi bikurikira cyangwa byose hamwe n'ibishingirwaho bishyirwaho na Minisitiri ufiti imyubakire mu nshingano buri mwaka w'ingengo y'imari :

- 1° guhabwa ikiguzi cyose cyo kugeza ibikorwa remezo by'ibanze bikenewe ahazubakwa n'icyo kubihakwirakwiza,

affordable housing development and the procedures of initiation, assessment, approval and implementation of affordable housing projects.

Article 2: Scope of application

These Instructions apply to all real estate development projects, for which a developer is requesting special support from the Government of Rwanda.

CHAPTER II: CONDITIONS FOR OBTAINING SPECIAL GOVERNMENT SUPPORT FOR AFFORDABLE HOUSING DEVELOPMENT

Article 3: Areas of special Government support for Affordable housing development

A real estate development entity may request the Government for special support in the implementation of a housing development project. The support shall be provided in one of the following or in a combination of the following with conditions specified by the Minister in charge of housing for every fiscal year:

- 1° full financing of basic infrastructure required to and within the housing project area for housing project targeting low

Gouvernement pour le développement des logements abordables et les procédures d'initiation, évaluation, approbation et exécution des projets des logements abordables.

Article 2 : Champ d'application

Les présentes Instructions s'appliquent à tous projets de promotion immobilière, pour laquelle le promoteur sollicite un soutien spécial du Gouvernement du Rwanda.

CHAPITRE II: CONDITIONS D'OBTENTION D'UN SOUTIEN SPECIAL DU GOUVERNEMENT POUR LE DEVELOPPEMENT DES LOGEMENTS ABORDABLES

Article 3: Domaines de soutien spécial du Gouvernement pour le développement des logements abordables

Une entité de promotion immobilière peut demander au Gouvernement un soutien spécial pour la mise en œuvre d'un projet de développement des logements abordables. Le soutien est donné dans l'un des domaines suivants, ou la combinaison de ces domaines, avec des conditions précisées chaque année budgétaire par le Ministre ayant l'habitat dans ses attributions :

- 1° le financement intégral des infrastructures de base jusqu'à la zone et à l'intérieur du projet des logements destinés aux catégories des bénéficiaires à faibles

Official Gazette n°48 of 30/11/2015

mu gihe uwo mushinga wo kubaka ugenewe ibyiciro by'abafite ubushobozi buciriritse bivugwa mu ngingo ya 6 y'aya mabwiriza ;

- 2° gushyira mu bikorwa umushinga w'igeza ry'ibikorwa remezo by'ibanze bikenewe ahazubakwa amacumbi aciriritse no kubihakwirakwiza, harimo kubyubaka cyangwa gukurikirana imirimo yo kubaka.

Ingingo ya 4: Ibishingirwaho mu guhabwa ubufasha bwihariye bwa Leta mu mishinga yo guteza imbere amacumbi aciriritse

Kugira ngo umushinga wo guteza imbere amacumbi aciriritse wemererwe guhabwa ubufasha bwihariye na Leta, hagomba kuzuzwa ibi bikurikira :

- 1° usaba ubufasha agomba kuba yarahawe uruhushya rwo gukora imirimo yo gutunganyiriza abantu ubutaka no kububakira;
- 2° umushinga ugomba kuzuza ibisabwa kugira ngo Leta itange ubufasha bwihariye mu guteza imbere amacumbi aciriritse bivugwa mu ngingo ya 5 y'aya mabwiriza.
- 3° usaba ubufasha agomba kuba afite umwirondoro w'abagenerwabikorwa b'uwo mushinga nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 6 y'aya mabwiriza.

income categories specified in Article 6 of these instructions ;

- 2° the implementation of basic required infrastructure to and within the area of the affordable housing development project including the construction or supervision of the construction.

Article 4: Conditions for obtaining Government special support for affordable housing development projects

In order for an affordable housing development project to obtain approval of special support from the Government, the following conditions must be fulfilled :

- 1° the applicant must have obtained real estate development authorization ;
- 2° the project must fulfil eligibility criteria for affordable housing development projects specified in Article 5 of these instructions ;
- 3° possession of profiles of the project beneficiaries as specified in Article 6 of these instructions.

revenus spécifiées dans l'Article 6 des présentes instructions;

- 2° le mise en œuvre du projet des infrastructures de base requises jusqu'à la zone et à l'intérieur du projet de développement des logements abordables, y compris la construction ou la supervision de la construction.

Article 4: Conditions d'obtention d'un soutien spécial du Gouvernement pour les projets de développement des logements abordables

Les conditions suivantes doivent être remplies afin d'obtenir un soutien spécial du Gouvernement pour un projet de développement des logements abordables:

- 1° le demandeur de soutien doit avoir obtenu l'autorisation de promotion immobilière ;
- 2° le projet doit remplir les critères d'éligibilité pour les projets de développement des logements abordables prévues à l'article 5 des présentes instructions;
- 3° le demandeur de soutien doit posséder les profiles des bénéficiaires du projet de développement des logements abordables tel que prévu à l'Article 6 des présentes

instructions.

Ingingo ya 5: Ibishingirwaho ngo umushinga wo guteza imbere amacumbi aciriritse uhabwe ubufasha

Kugira ngo wemerewe ubufasha bwa Leta, umushinga wo guteza imbere amacumbi aciriritse, ugomba kuba wujuje ibi bikurikira :

- 1° uwo mushinga ugomba kuba utanga amazu ari mu byiciro n'ingano bitandukanye ;
- 2° uwo mushinga ugomba kuba urengeje umubare w'amazu muto ushoboka kuri hegitari nk'uko biteganywa n'urwunge rw'amabwiriza agenga imitunganyirize y'imijyi ku kigero nibura cya makumyabiri na gatanu ku ijana (25%).
- 3° kuba nta cumbi rirengeje ubuso bwa metero kare 95 ;
- 4° inyubako igomba kuba ishushanyije ku buryo ibikoresho byo kuyubaka biziganzamo ibyacukuwe cyangwa ibyakorewe mu Gihugu cyangwa ibyakozwe mbere byifashishwa mu kubaka igihe cyose ibi byashoboka ;
- 5° uwubakira abantu amacumbi ashyira mu mushinga we gahunda yo kongera

Article 5: Eligibility criteria for support for an affordable housing development project

To be eligible for Government support, an affordable housing development project is required to fulfil the following criteria:

- 1° the project must offer a variety of housing unit categories and sizes.
- 2° the project must exceed the minimum required number of units per hectare as provided for by urban planning code by at least twenty per cent (25 %);
- 3° the housing unit shall not exceed a total floor area of 95 square metres;
- 4° the building must be designed under predominant use of locally mined and produced or locally prefabricated construction materials as far as this is possible;
- 5° the developer includes a capacity building and on-site training ;

Article 5: Critères d'éligibilité pour le soutien du projet de développement des logements abordables

Pour être éligible, un projet de développement des logements abordables doit remplir les critères suivants:

- 1° le projet doit offrir une variété de types et de tailles d'unités de logements ;
- 2° le projet doit dépasser le nombre d'unités par hectare tel que prévu par le code de l'urbanisme d'au moins vingt-cinq pour cent (25 %) du minimum requis;
- 3° aucune unité de logement n'a une superficie totale supérieure à 95 mètres carrés;
- 4° le bâtiment doit être conçu en usage prédominant des matériaux extraits ou produits localement, et/ou des matériaux de construction préfabriqués localement où cela est possible;
- 5° le promoteur inclut un renforcement des capacités et/ou formation sur place ;

Official Gazette n°48 of 30/11/2015

ubumenyi n'amahugurwa mu kazi ;

- | | | |
|--|--|--|
| <p>6° uwubaka amacumbi akorana n'ibigo bito n'ibiciriritse by'aho hantu cyangwa by'imbere mu Gihugu ku kigero kirenze icya kabiri cy'imirimo yo kubaka ;</p> | <p>6° the developer contracts local or national small and medium enterprises for more than half of the construction works ;</p> | <p>6° le promoteur contracte avec des petites et moyennes entreprises locales ou nationales pour plus de la moitié des travaux de construction.</p> |
| <p>7° kuba nibura kimwe muri ibi bitatu (3) bikurikira cyujjwe :</p> <p>a. igiciro cya metero kare y'icumbi rimwe, hakuwemo agaciro k'ibikorwa remezo rusange, kiri muni y'agaciro kagenwe na Minisitiri ufite amacumbi mu nshingano ze rimwe muri buri myaka ibiri (2) ;</p> <p>b. uwubaka amacumbi atanga uburyo bwo kwishyura buciriritse ku bagenerwabikorwa, anorohera umugenerwabikorwa kugura cyangwa gukodesha rimwe mu macumbi yubatswe;</p> <p>c. Uwubaka amacumbi ni koperative y'abatunze ubutaka ku giti cyabo bishyize hamwe ahantu hateganyirijwe kubakwa amacumbi. Abagize koperative bagomba kuba bujuje ibisabwa mu ngingo ya 6 y'aya mabwiriza.</p> | <p>7° at least one of the following three (3) criteria is fulfilled:</p> <p>a. the cost per square of one housing unit, excluding the cost of public infrastructure, is below the value set by the Minister in charge of housing once in every two (2) years;</p> <p>b. the developer offers an affordable payment mode to the targeted beneficiaries and enables the beneficiary to purchase or rent one of the offered housing units;</p> <p>c. the developer is a cooperative formed by individual land holders of the housing planning area. The members of the cooperative must fulfil requirements specified in Article 6 of these instructions.</p> | <p>7° au moins un des trois (3) critères suivants est rempli:</p> <p>a. le coût par mètre carré d'un logement, à l'exclusion des coûts des infrastructures publiques, est inférieur à une valeur fixée une fois tous les deux (2) ans par le Ministre ayant l'habitat dans ses attributions;</p> <p>b. le promoteur propose un mode de paiement qui est abordable pour les bénéficiaires ciblés et permet au bénéficiaire d'acheter ou louer une des unités des logements qui sont offerts;</p> <p>c. le promoteur est une coopérative formée des propriétaires fonciers individuels de la zone de planification de logements. Les membres de la coopérative doivent remplir les conditions spécifiées à l'article 6 des présentes instructions.</p> |

Ingingo ya 6 : Umwirondoro w'abagenerwabikorwa

Umugenerwabikorwa w'icumbi, binyujijwe mu bugure cyangwa ubukode mu mushinga wo guteza imbere amacumbi aciriritse wahawe ubufasha na Leta agomba :

- 1° kuba ari umwenehugu cyangwa atuye ku buryo buhoraho mu Rwanda ;
- 2° kuba afite nibura imyaka makumyabiri n'umwe y'amavuko (21), kereste iyo umugenerwabikorwa ari imfubayi y'ababyeyi bombi ;
- 3° kuba adatanze umutungo utimukanwa cyangwa inzu mu gice cy'umujyi cyangwa ubukode bwabyo busigaje igihe kitari muni y' imyaka icumi (10) cyangwa yarashakanye byemewe n'amategeko n'umuntu ufite iyo mitungo ;
- 4° kuba adafite umusaruro bwite ku mwaka urenze ugenwa na Minisitiri ufite amacumbi buri myaka ibiri (2).
- 5° kwiyezeza kandi agasinyira kutagurisha icumbi riciriritse ryagenewe ubufasha na Leta mu gihe kitari muni y' imyaka icumi (10). icyakora umufatanyabikorwa ashobora kwemererwa guhinduranya icumbi ryo muri icyo kiciro, kurikodesha

Article 6: Profile of beneficiaries

A beneficiary of a housing unit through purchase or rental of a Government supported affordable housing development project must:

- 1° be a citizen or permanent resident in Rwanda;
- 2° be at least twenty one (21) years old, except if the beneficiary is a full orphan;
- 3° not possess a real estate or a house in an urban area or lessee of such estate with a remaining lease period of above ten (10) years or not to be legally married to a spouse of an owner of such real estate or house ;
- 4° not have a net yearly income above a value set by the Minister in charge of housing once every two (2) years;
- 5° commit him/herself not to sell a Government supported affordable housing unit within a period of at least ten (10) years by signing a declaration. A beneficiary may, however, be permitted to swap units within that housing scheme or

Article 6: Profil des bénéficiaires

Le bénéficiaire d'une unité de logement par achat, location, d'un projet de développement des logements abordables soutenu par le Gouvernement doit:

- 1° être citoyen ou résident permanent du Rwanda;
- 2° avoir au moins vingt-et-un (21) ans, sauf pour les orphelins des deux parents;
- 3° ne pas être le propriétaire ou un conjoint légal d'un propriétaire d'une propriété foncière ou d'une maison dans une zone urbaine, ou le locataire d'une telle propriété ou telle maison avec une période de location restante de plus de dix (10) ans;
- 4° ne pas avoir un revenu annuel net supérieur à une valeur fixée une fois tous les deux (2) ans par le Ministre ayant l'habitat dans ses attributions;
- 5° s'engager à ne pas vendre une unité de logement abordable qui a été supporté par le Gouvernement, pour une période d'au moins dix (10) ans après la date d'achat par la signature d'une telle déclaration. Un bénéficiaire peut,

mu gihe ategereje kuryegukana burundu cyangwa amaze kuryegukana burundu,

rent it during or after full acquisition.

cependant, être autorisé à échanger des unités dans le même programme de logement, ou louer son unité, pendant ou après l'acquisition.

Ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibyubahirizwa iyo uwubaka amacumbi ari koperative igizwe n'abatunze ubutaka ku giti cyabo b'ahantu hateganyirijwe kubakwa amacumbi bishyize hamwe.

Provisions of Paragraph One of this Article do not apply if the developer is a cooperative formed by the individual land holders of the housing planning area.

Les dispositions de l'alinéa premier du présent article ne s'appliquent pas si le promoteur est une coopérative formée par les propriétaires fonciers individuels de la zone de planification des logements.

Ingingo ya 7: Ihame mu guha amahirwe abagerwa bikorwa

Article 7: Beneficiary prioritisation rule

Article 7: Règle de priorisation des bénéficiaires

Iyo uwubakira abantu amazu amenyesheje Akarere bireba ko hari umushinga wo kubaka amazu aciriritse, Akarere gatanga uwo mushinga uteganyijwe, mu ruhame, ahagenewe amatangazo, binyujijwe mu nama z'abayobozi b'inze z'ibanze, mu bitangaza makuru, hatangwa amakuru ku gishushanyo cy'ahazubakwa n'ingano y'amazu ateganyijwe kubakwa.

If a real estate developer informs the relevant District of the planned affordable housing development project, the District shall publicly announce the project proposal on its notice board, through local authority information meetings, media outlets by providing information on site plans and floor plans of proposed housing units.

Si une entité de développement immobilier informe le District concerné de son projet de développement des logements abordables, le District annonce publiquement la proposition du projet sur son tableau d'affichage, dans des réunions d'information des autorités locales, et par d'autres médias, en donnant des informations sur les plans du site et plans des unités de logement prévues.

Umuntu wese ushaka kubona icumbi muri uwo mushinga wo kubaka amazu aciriritse kandi yujuje ibisabwa bivugwa mungingo ya 6 y'aya mabwiriza, yiyandikisha ku Karere mu minsi makumyabiri n'umwe (21) uhereye igihe umushinga watangarijwe.

Any person interested in benefiting from a housing unit within the affordable housing development project and who fulfils requirements specified in Article 6 of these instructions may register such interest at the District office within twenty one (21) days from the day of announcement of the project proposal.

Toute personne intéressée à bénéficier d'une unité de logement dans le projet de développement des logements abordables, et remplissant les conditions indiquées dans l'article 6 des présentes instructions, peut enregistrer un tel intérêt au bureau du District dans les vingt-et-un- (21) jours de l'annonce.

Inama Njyanama y'Akarere bireba ihitamo abagerwabikorwa bashyikirizwa nyir'ukubaka ishingiye kuri ibi bikurikira:

The concerned District Council shall select the beneficiaries of the proposed project basing on the following:

Le Conseil de District concerné sélectionne les bénéficiaires à proposer à l'entité de développement du projet en se basant sur ce qui suit:

Official Gazette n°48 of 30/11/2015

1° kuba umugenerwabikorwa yari asanzwe afite ubutaka akabutanga ngo bwubakweho kandi akaba yariyandikishije nk'ushaka icumbi, mu gihe yujuje ibisabwa mu ngingo ya 6 y'aya mabwiriza ;

2° iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire.

1° if the beneficiary was the original land holder who contributed land to the project and if he/she had registered interest in housing, provided that he/she fulfils conditions specified in article 6 of these instructions;

2° respect of the principle of gender.

1° le bénéficiaire doit être propriétaire foncier, qui a donné sa propriété foncière au projet et a enregistré son intérêt en bâtiment, et s'il remplit les conditions spécifiées à l'article 6 des présentes instructions ;

2° respect du principe du genre.

Ingingo ya 8: Iyipimo fatizo by'ibikorwa remezo rusange by'imishinga yo guteza imbere amacumbi aciriritse yahawe ubufasha bwihariye na Leta

Iyo hemejwe ubufasha bwihariye bwa Leta ku mushinga wo guteza imbere amacumbi aciriritse, uwo mushinga wemererwa ibikorwa remezo rusange bikagezwa kuri buri nyubako, hashingiwe ku bipimo fatizo by'ibikorwa remezo rusange by'imishinga yo guteza imbere amacumbi aciriritse yahawe ubufasha bwihariye na Leta.

Iyipimo fatizo by'ibikorwa remezo bishyirwaho bikanatangazwa na Minisitiri ufite amacumbi mu nshingano ze buri myaka ibiri (2), biba birimo ibisobanuro by' ibipimo fatizo bitandukanye byerekeye :

- 1° ibikoresho n'ubuhanga ku mihanda ;
- 2° gusukura no gukwirakwiza amazi
- 3° amashanyarazi, ingufu no kumurikira imihanda ;
- 4° itumanaho ;
- 5° kwegerezwa itwara rusange ry'abantu na

Article 8: Public infrastructure standards for affordable housing development special supported by the Government

In case of approval of Government special support for affordable housing development project, the project qualifies for public infrastructure to be availed up to each building on the basis of the infrastructure standards for government supported affordable housing development projects.

The infrastructure standards shall be set and published by the Minister in charge of housing once in every two (2) years, and shall include definition of the variety of standards for:

- 1° materials and technology for roads;
- 2° water treatment and supply;
- 3° electricity, energy and street lighting;
- 4° communication;
- 5° accessibility to public transport, and public

Article 8: Normes d'infrastructures publiques pour les projets de développement des logements abordables supportés spécialement par le Gouvernement

En cas d'approbation d'un soutien spécial du Gouvernement au développement des projets de logements abordables, ce projet est qualifié d'être servi en infrastructures publiques jusqu' à chaque bâtiment, selon les normes d'infrastructures pour les projets de développement de logements abordables soutenus par le Gouvernement.

Les normes d'infrastructures fixées et publiées une fois tous les deux (2) ans par le Ministre ayant l'habitat dans ses attributions, et comprennent la définition de la variété de normes pour:

- 1° les matériaux et la technologie des routes;
- 2° traitement et approvisionnement en eau;
- 3° l'électricité, l'énergie et éclairage public;
- 4° la communication;
- 5° l'accessibilité aux transports en commun et

serivise za Leta z'imirimo yo gutwara abantu n'ibintu ;

6° iby'ingenzi bikenerwa ahatuwe.

transport services;

6° social amenities.

les services de transports publics;

6° les équipements collectifs sociaux.

UMUTWE WA III: UBURYO BWO GUTANGIZA, GUSESENGURA NO KWEMEZA UMUSHINGA WO GUTEZA IMBERE AMACUMBI ACIRIRITSE UHABWA UBUFASHA BWIHARIYE NA LETA

Ingingo ya 9: Komite y'Igihugu yo Kwemeza Kugenera Ubufasha mu Macumbi Aciriritse

Hashyizweho Komite y'Igihugu ishinzwe kwemeza ko imishinga yo kubaka amazu aciriritse igenerwa ubufasha bwa Leta.

Komite y'Igihugu yo kwemeza kugena ubufasha mu macumbi aciriritse iyoborwa n'Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri ifite imyubakire mu nshingano zayo. Abayigize bahoraho ni aba bakurira :

- 1° Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri ifite imyubakire mu nshingano zayo ;
- 2° Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri ifite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano zayo ;
- 3° Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri ifite imari n'igenamigambi mu nshingano zayo ;

CHAPTER III: PROCEDURES FOR INITIATION, ASSESSMENT AND APPROVAL OF AFFORDABLE HOUSING DEVELOPMENT PROJECT SUPPORTED BY THE GOVERNMENT

Article 9: National Affordable Housing Support Approval Committee

A National committee responsible for approval of Government support for affordable housing development projects is hereby established.

The National Affordable Housing Support Approval Committee shall be chaired by the Permanent Secretary in Ministry in charge of housing. Its permanent members shall be as follows:

- 1° The Permanent Secretary of the Ministry in charge of infrastructure;
- 2° the Permanent Secretary of the Ministry in charge of Local government;
- 3° the Permanent Secretary of the Ministry in charge of Finance and economic planning;

CHAPITRE III: PROCEDURES D'INITIATION, EVALUATION ET APPROBATION DES PROJETS DES LOGEMENTS A FAIBLE COUT SUPPORTES SPECIALEMENT PAR LE GOUVERNEMENT

Article 9: Comité National d'Approbation de Soutien de Logements Abordables

Il est créé un Comité National responsable de l'approbation de l'appui du Gouvernement aux projets de développement de logements abordables.

Le Comité National d'Approbation de Soutien de Logements Abordables est présidé par le Secrétaire Permanent du Ministère en charge de l'habitat. Ses membres permanents sont les suivants:

- 1° le Secrétaire Permanent du Ministère ayant les infrastructures dans ses attributions ;
- 2° le Secrétaire Permanent du Ministère ayant l'administration locale dans ses attributions ;
- 3° le Secrétaire Permanent du Ministère ayant les finances et la planification économique dans ses attributions ;

Official Gazette n°48 of 30/11/2015

- 4° Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri ifite umutungo kamere mu nshingano zayo ;
- 5° Umunyabanga Nshingwabikorwa w'Umujyi wa Kigali cyangwa uw'Akarere karebwa n'umushinga ;
- 6° Umunyamabanga wa Komite.

- 4° the Permanent Secretary of the Ministry in charge of Land and Natural Resources;
- 5° the Executive Secretary of the City of Kigali or concerned District ;
- 6° The Secretary of the committee.

- 4° le Secrétaire Permanent du Ministère ayant la terre et les ressources naturelles dans ses attributions ;
- 5° le Secrétaire Exécutif de la Ville de Kigali ou du District concerné,
- 6° Le Secrétaire du Comité.

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imyubakire cyangwa undi yagena kumuhagararira ni we Munyamabanga wa Komite y'Igihugu yo kwemeza kugena ubufasha mu macumbi aciriritse.

The Head of the Government agency in charge of housing or his/her delegate shall be the secretary of the National Affordable Housing Support Approval Committee.

Le chef d'agence du Gouvernement chargé de l'habitat ou son délégué est le secrétaire du Comité National d'Approbation du Soutien de Logements Abordables.

Ingingo ya 10: Gusaba ubufasha bwihariye bwa Leta mu mushinga wo guteza imbere amacumbi aciriritse

Article 10: Application for special support from the Government for affordable housing development project

Article 10: Demande d'un soutien spécial du Gouvernement pour un projet de développement des logements abordables

Urwego rusaba Leta ubufasha bwihariye mu mushinga wo guteza imbere amacumbi aciriritse ruze ubusabe bwarwo bwo guteza imbere amacumbi aciriritse ku Kigo cy'Igihugu gishinzwe Imyubakire n'Imiturire kugira ngo usuzumwe.

Any entity intending to request Government special support for affordable housing development project shall address an application file to the Government agency in charge of housing for assessment of the special support for the proposed project.

Une entité ayant l'intention de demander un soutien spécial du Gouvernement pour le projet de développement des logements abordables adresse un dossier de demande d'approbation du projet proposé à l'Agence Gouvernementale chargée de l'habitat pour examen.

Ingingo ya 11: Ibigize dosiye y' ubusabe bw'ubufasha bwihariye bwa Leta mu mushinga wo guteza imbere amacumbi aciriritse

Article 11: Content of the application file for special support from the Government for affordable housing development project

Article 11: Contenu du dossier de demande d'un soutien spécial du Gouvernement pour un projet de développement des logements abordables

Dosiye y'ubusabe bw'ubufasha bwihariye bwa Leta mu mushinga wo guteza imbere amacumbi aciriritse igomba kuba bugizwe n'inyandiko zikurikira :

The application file for special support from the Government for affordable housing development project must comprise the following documents:

Le dossier de demande d'un soutien spécial du Gouvernement pour un projet de développement des logements abordables doit comprendre les documents suivants:

Official Gazette n°48 of 30/11/2015

- | | | |
|---|---|---|
| 1° ibaruwa isaba ; | 1° an application letter; | 1° une lettre de demande; |
| 2° uruhushya rwo gutunganyiriza abantu ubutaka no kububakira ; | 2° a real estate development permit; | 2° une autorisation de la promotion immobilière; |
| 3° igishushanyo cy'ikatwa ry'ibibanza cyemejwe ; | 3° an approved land subdivision plan; | 3° un plan de lotissement des terres approuvé; |
| 4° Uruhushya rwo kubaka, ibishushanyo by'inyubako byuzuye n'ibiciro kuri buri bwoko bw'inyubako buri nyubako iherereye ; | 4° a building permit, complete building plans and cost for each building typology and the location of each building; | 4° une autorisation de bâtir, les plans de construction complets et devis quantitatifs et estimatifs pour chaque typologie des bâtiments, et leur emplacement; |
| 5° gahunda yo kongera ubumenyi n'amahugurwa mu kazi ; | 5° capacity building and on-site training programme; | 5° programme de renforcement des capacités et formation sur terrain; |
| 6° ikigereranyo cy'amafaranga yose y'umushinga harimo n'ibikorwa remezo bikenewe ahazakorera umushinga ; | 6° financial estimates of the whole project including the infrastructure requested to service project area ; | 6° devis quantitatifs et estimatifs du projet tout entier incluant les infrastructures demandées pour desservir la zone du projet ; |
| 7° urutonde rw'abagenerwa bikorwa b'umushinga biyandikishije ku Karere bagaragaza ubushake bwo guhabwa amazu aciriritse iyo ruhari ; | 7° proposed list of beneficiaries who registered interest at the relevant District to access an affordable housing units if any; | 7° liste des bénéficiaires proposés qui sont enregistrés au projet de développement de logements abordables au District concerné si il y'en a ; |
| 8° kimwe muri ibi bikurikira : a. ubwemere bwo kugurisha businye harimo n'igiciro cya nyuma cy'uwubakira abantu kemeranyijwe, b. gahunda yo kwishyura yahawe abagenerwabikorwa mu kugura cyangwa gukodesha c. icyemezo cy'uko koperative | 8° any of the following: a. a signed commitment to sell including an agreed maximum price of the developer; b. payment program offered to the beneficiaries to purchase or rent ; c. registration certificate of the | 8° l'un des points suivants: a. engagement de vente signé y compris le prix maximum convenu du côté du promoteur; b. programme de paiement offert aux bénéficiaires pour l'achat ou la location ; c. certificat d'enregistrement d'une |

yanditswe igihe biri ngombwa

cooperative, if applicable.

coopérative, le cas échéant.

Dosiye y'ubusabe bw'ubufasha bwihariye bwa Leta mu mushinga wo guteza imbere amacumbi aciriritse ishobora gutangwa mu gihe icyo ari cyo cyose cy'ishyirwamubikorwa ry'imyubakire yemewe y'aho gutura.

The application file for special support from the Government for affordable housing development may be submitted at any time during the implementation of an authorized housing neighbourhood development scheme.

Le dossier de demande d'un soutien spécial du Gouvernement pour un projet de développement des logements abordables peut être présenté à n'importe quel moment au cours de la mise en œuvre d'un développement immobilier autorisé du domaine d'habitation.

Ingingo ya 12: Gusesengura ubusabe

Article 12: Assessment of the application

Article 12: Evaluation de la demande

